



# Inkingi Forces Démocratiques Unifiées United Democratic Forces

☎: (+250) 728636000 ✉ [Fdu.inkingi.rwa@gmail.com](mailto:Fdu.inkingi.rwa@gmail.com)

☎: (+32)478973762, (+33)650293997

<http://fdu-rwanda.com>, <http://victoire-ingabire.com>

COORDINATING COMMITTEE-COMITE DE COORDINATION

*“Pour un Etat de Droit, la Democratie et l’Egalité de chances” ; “For the rule of law, democracy and equal opportunity”*

---

## **Perezida Pahulo Kagame niwe ukwiye gusaba imbabazi abanyarwanda**

Nk’uko tubikeshya Imvaho Nshya yo kuwa 11 Ugushyingo 2013, nyuma y’umwihereho w’abagize guverinoma muri gahunda ya « Ndi Umunyarwanda », «...bemeye [abagize guverinoma : ndlr] ko kandi Jenocide yakorewe Abatutsi yakozwe mw’izina ry’Abahutu; bityo kugirango sosiyete nyarwanda ikire by’ukuri ni ngombwa ko abo Jenocide yakozwe mw’izina ryabo basaba imbabazi abo yakorewe, bakayamagana, bakitandukanya n’abayikoze, ndetse n’ibitekerezo biganisha ahabi u Rwanda rwavuye ».

## **Umuntu wa mbere ugomba gusaba imbabazi abatutsi ni Perezida Pahulo Kagame n’intagondwa z’abahutu.**

Perezida Pahulo Kagame azi neza amahano yakoze afata icyemezo cyo kwica uwo yaje gusimbura ku ntebe, Perezida Yuvenali Habyarimana, arashe indege ye, akicwa ari kumwe n’umugaba w’ingabo, kimwe n’ibindi byegera bye. Perezida Habyarimana yari avuye i Dar Es Salaam muri Tanzania, yiyemeje gushyiraho inzego z’ubutegetsi zari zisigaye (Guverinoma n’Inteko Ishinga Amategeko) nk’uko zari zemejwe n’Amasezerano ya Arusha. Buri wese azi uko iryo hanura ry’indege ariryo ryabaye imbarutso ya Jenocide yibasiye Abatutsi. None Perezida Kagame, uzi neza icyemezo yafashe, arimo aritarutsa ibibazo, yigira nyoni nyinshi, akihanukira ngo Abahutu muri rusange bafite icyaha cy’inkomoko, ngo nibishyure, basabe imbabazi Abatutsi kubera ko ngo intagondwa z’abahutu zishe abatutsi zabikoze mw’izina ry’abahutu. Zatumwe n’Abahutu bahe ? Ryari ?

FDU-Inkingi yemera ko Abatutsi bari mu gihugu muri 1994 bishwe urw’agashinyaguro bazira ubwoko bwabo. Habayeho itsembabwoko ryibasiye Abatutsi, ari ryo Jenocide. Iri ni ihame rigomba gushimangirwa, rikazahora ryibukwa, rikabwirwa abana

---

Tel : (+250)728636000, (+32)478973762, (+33)650293997,  
[Fdu.inkingi.rwa@gmail.com](mailto:Fdu.inkingi.rwa@gmail.com)

<http://fdu-rwanda.com>, <http://victoire-ingabire.com>

Join us on **Facebook**: <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> - Watch us on **YouTube**:

<http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us **on Twitter**:

<http://twitter.com/VictoireUmuhoza>

b'Abanyarwanda bose mu ruhererekane kugira ngo ayo mahano atazongera kuba mu gihugu cyacu kandi Leta n'izindi nzego z'ubutegetsu zikumva buri gihe ko zifite inshingano idakuka yo kubaha ubuzima bwa buri muntu, zikaburinda kandi zikaburengera. Kubera ko ubuzima bw'umuntu ari ubunyagitinyiro kandi bukaba indahubanganywa.

Niba ahubwo hari umuntu ukwiye gusaba imbabazi Abatutsi n'Abanyarwanda bose muri rusange ni Perezida Kagame kuko ahanura indege ya Perezida Habyarimana yari azi neza amarorerwa azakurikiraho. Anavuze ko atari abizi nabyo ntibyakworoshya uruhare rwe muri Jenocide yakorewe Abatutsi kubera ko umuntu nka we ashinzwe kumenya ingaruka z'ibikorwa bye. Twibutse ko icyo gihe urwego rwa Perezida wa Repubulika ari rwo rwonyine rwari rwarinjiye muri Masezerano ya Arusha, ko kvanaho urwo rwego k'ubwende, byari icyemezo cyo gushyira igihugu mu gihirahiro cy'inzego « vide institutionnel », icyemezo cyaje gushyira igorora intagondwa z'Abahutu kubera ko zabonye icyuho zinyuramo, zigatsemba Abatutsi bari mu gihugu zibaziza ubwoko bwabo. Izo ntagondwa z'Abahutu nizo zigomba kuryozwa Jenocide yakorewe Abatutsi, hamwe n'uwabahuriye inzira, Pahulo Kagame.

### **Undi muntu ugomba gusaba imbabazi Abahutu ni Perezida Pahulo Kagame n'intagondwa z'Abatutsi.**

Niba hari umuntu ukwiye gusaba imbabazi Abahutu n'Abanyarwanda bose muri rusange ni Perezida Pahulo Kagame kubera ko nyuma yo guhanura indege ya Perezida Yuvenali Habyarimana, Kagame yubuye intambara rugikubita, ahitana abantu batabarika kuva za Byumba, Kibungo, Kigali, Gitarama, Butare kugeza aho yakurikiraniye impunzi mu nkambi no mu mashyamba y'inzitane ya Kongo mu birometero birenze ibihumbi bitatu (3000), muri 1996-1998 akazirimbura afatanije n'intagondwa z'Abatutsi, mu buryo bw'agahomamunwa. Raporo Mapping ya LONI ivuga ko ubu bwicanyi ndengakamere bwakwitwa Jenocide inkiko ziramutse zibukurikiranye. Tutibagiwe n'ubwicanyi bw'impunzi zari i Kibeho kuwa 22 Mata 1995 ndetse n'ubw'abaturage ba Gisenyi na Ruhengeri barimbuwe na Leta ya Perezida Kagame, muri 1997-2000, mu ntambara y'abacengezi.

Benshi muri aba Bahutu Kagame atanze iteka ko bokamwa n'icyaha cy'inkomoko, kubera ko babarizwa mu bwoko bw'intagondwa zimwe z'Abahutu, abenshi muri bo bishwe ku mabwiriza ya Perezida Kagame. Abandi bahizwe bukwere, bicwa n'izo ntagondwa z'Abahutu. Abandi muribo bari mu batumye bamwe mu Batutsi barokoka. None ngo aba Bahutu bose nibasabe imbabazi! Aka ni agahomamunwa. Ko uburyozwacyaha ari gatozi k'uwakoze icyaha, kuki Perezida Kagame ashaka gusiga icyaha Abahutu bose, dore ko n'abana ayo marorerwa yabaye bataravuka, ngo nabo uwo muruhu ugomba kubokama ?

Tel : (+250)728636000, (+32)478973762, (+33)650293997,  
Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

<http://fdu-rwanda.com>, <http://victoire-ingabire.com>

Join us on **Facebook**: <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> - Watch us on **YouTube**:

<http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us **on Twitter**:

<http://twitter.com/VictoireUmuhoza>

## **Banyarwanda muramenye, nimwitaze ubutegetsu bubisha.**

Banyarwanda muramenye, izi ngamba zirigufatwa n'ubutegetsu bwa Kagame zo gukomeza guhembera ubugome n'urwango hagati y'amoko y'Abanyarwanda nimuzitaze. Gahunda yo gushaka kujijisha Abanyarwanda ko nta bwoko bagira, mu gihe uhora wibutsa Abahutu bose ko bakoze Jenocide bayikorera Abatutsi, ngo nibasabe imbabazi, biragaragara ko ihishe izindi gahunda zo kwimakaza ubutegetsu bushingiye ku bwoko bw'Abatutsi. Nyamara Perezida aribeshya, kubera ko Abatutsi ashaka gukurura mu rwango n'ironakoko barimo bamwizibukira. Ibi biraba mu gihe Abatutsi benshi aribo bahungu ubutegetsu bwa Kagame, bagasanga Abahutu hanze gufatanya kurwanya ubutegetsu bw'igitugu kubera ko batemera inganji y'ubutegetsu bushingiye k'ubwoko.

FDU-Inkingi ibona ko ubwiyunge mu Banyarwanda bugomba kwubakirwa k'ukuri. Uwakoze icyaha nagihanirwe ku giti cyeye kuko icyaha ari gatozi ; niyaka imbabazi kuko yicujije koko azihabwe. Gutsindira abantu kwaka imbabazi ntibihwitse. Akababaro ka buri wese wafushije nikumvwe, kandi buri wese agire uburenganzira bwo kwibuka abe n'ubutegetsu bubyubahirize. Imfumbyi zose, ari iz'ababyeyi bazize itsembabwoko n'iz'ababyeyi bazize itsembatsemba, nizigire amahirwe amwe, zigobokwe kimwe.

Maze ibyo nibikorwa, Abanyarwanda twese kubera ko dukeneye imbabazi, tuzahuze imitima, tuzisabe Imana kubera ko ariyo nkuru atari abigira ba miseke igoroye.

Bikorewe i Lausanne mu Busuwisi, kuwa 14 Ugushyamba, 2013.

Dr. Nkiko Nsengimana  
FDU-Inkingi  
Umuhuzabikorwa

Tel : (+250)728636000, (+32)478973762, (+33)650293997,  
Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

<http://fdu-rwanda.com>, <http://victoire-ingabire.com>

Join us on **Facebook**: <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> - Watch us on **YouTube**:

<http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us **on Twitter**:

<http://twitter.com/VictoireUmuhoza>